KOPERATIVE COMIKAGI

INTARA Y'AMAJYARUGURU

AKARERE KA GAKENKE

UMURENGE WA RULI

E-mail:comikagi2030@gmail.com

TEL. +250783419757 / +250788391641

# ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bwa COMIKAGI, Koperative ikora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro mu Murenge wa Ruli, Akarere ka Gakenke, Intara y'Amajyaruguru, buramenyesha ababyifuza bose kandi bujuje ibisabwa ko bwifuza gutanga akazi ku mwanya umwe w'**ushinzwe Ubugenzuzi bw'imbere** bwa Koperative COMIKAGI (**Internal Auditor / Auditeur Interne**).

**C. Ibisabwa kubifuza gupiganira uyu mwanya:**

- A0 mu ibaruramari, icungamutungo cyangwa ubukungu;
- Kuba afite impamyabushobozi y'ababaruramari b'umwuga (CPA Certificate) ni akarusho
- Kuba afite nibura uburambe bw'imyaka itanu mu ibaruramari cyangwa ubugenzuzi
- Kuba atarigeze afungwa igihe kingana cyangwa kirenze amezi atandatu;
- Kuba ari inyangamugayo;
- Kuba ari umunyarwanda;
- Kuvuga no kwandika neza ikinyarwanda n'Igifaransa; Igifaransa ni akarusho.

**D. Zimwe mu nshingano Auditeur Interne azaba ashinzwe:**

- Kugenzura ibikorwa bya koperative Comikagi hagamijwe kureba ko ibikorwa bikurikiza amabwiriza n'amategeko;
- Kugenzura raporo y'umutungo buri mezi atandatu, hagamijwe kwemeza ko ibikubiyemo biteguye neza kandi ko ari ukuri;

- Kugenzura imicungire y'abakozi hagamijwe kureba niba yubahiriza amategeko agenga imicungire y'abakozi ndetse n'amabwiriza ngenga mikorere;
- Kugira Inama Inama y'Ubuyobozi ku buryo bwiza bwo gukosora ibiba byagaragajwe muri raporo y'ubugenzi bwite;
- Kugira Inama Inama y'Ubuyobozi ku buryo bwiza bwo gukosora ibiba byagaragajwe muri raporo y'ubugenzi bwo hanze ya Koperative;
- Gukorana n'abagenzuzi bo hanze yak operative igihe baje kugenzura COMIKAGI;
- Kuba umuhamya mu bikorwa by'ibarura ry'umutungo utimukanwa ndetse n'umutungo ubitse mu bubiko (stock);
- Gukora igenzura ryimbitse igihe risabwe n'Inama y'Ubuyobozi;
- Gutegura gahunda y'ibikorwa by'umwaka;
- Gutanga Raporo z'ubugenzuzi ku Nama y'Ubuyozozi;
- Gukora akandi kazi yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi.

Amadosiye asaba akazi akubiyemo ibaruwa isaba akazi yandikiwe Perezida w'Inama y'Ubuyobozi wa COMIKAGI; umwirondoro wuzuye (C.V) hariho n'abantu batatu bakuzi n'aho babarizwa; fotokopi ya Diplome iriho umukono wa Notaire; fotokopi y'indangamuntu n'icyemezo cy'umukoresha wa nyuma.

**==> Ayo madosiye agomba kuba yatanzwe <u>ku biro</u> by'Ubuyobozi bwa Koperative COMIKAGI mu minsi y'akazi bitarenze tariki ya 10 Mata 2026 saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00). Abazaba bujuje ibisabwa, nibo bazahamagarwa gusa, bamenyeshwe umunsi wo gukora ikizamini cy'akazi.**

**Bikorewe i Ruli, ku wa 02 Mata 2026**

**KAYITESI Béatrice**

**Umuyobozi wa Koperative COMIKAGI**

COMIKAGI
COOPERATIVE MINIERE KABABARA GIKINGO
RULI - GAKENKE